**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA YA KABIRI Y'ITSINDA MPUZABIKORWA RITEGURA INAMA YA KOMITE NYOBOZI YA PAYA/OPJAS, YABAYE KU ITARIKI YA 11/2/2005.**

- Inama yabereye mu cyumba cy'inama cya Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco na Siporo (MIJESPOC) kuva saa cyenda n'iminota 45 kugeza saa kumi n'imwe n'igice; yayobowe n'Umunyamabanga wihariye w'agateganyo wa Minisitiri.
- Abaje mu nama : bari ku mugereka.
- Ibyari ku murongo w'ibyigwa : Gusuzuma inyandiko zanononsowe n'itsinda rito ryateranye ku itariki ya 10/2/2005.

**Uko inama yagenze n'imyanzuro yafashwe**

1. *Terms of reference*: Abaje mu nama bamaze gusuzuma iyi nyandiko, basanze yarakosowe hakurikijwe ibitekerezo byatanzwe mu itsinda rito; bakoze ubugororangingo hamwe na hamwe. Basanze urutonde rw'abatumirwa bo mu nzego z'urubyiruko rwo mu mahanga rwaratunganyijwe neza. Hifujwe ko abahagarariye CNJR mu Ntara na bo bazatumirwa, ariko CNJR akaba ari yo ibaha amikoro: icumbi, amafaranga y'urugendo n'ay'ubutumwa.
2. *Guidelines on various presentations*: Abaje mu nama bamaze gusuzuma iyi nyandiko, basanze yarateguwe neza kandi ikaba izatuma ibiganiro bigera ku ntego nkuru z'inama ya PAYA. Basabye ko buri wese mu bazatanga ibiganiro yashyikirizwa vuba ingingo zijyanye n'ikiganiro cye gusa. Ariko, hifujwe ko Umutumirwa mukuru yazashyikirizwa iyo nyandiko yose uko yakabaye.
3. *Programme*: Abaje mu nama bamaze gusuzuma iyi nyandiko, basanze igomba kongera kunononsorwa: kugaragaza urwego ruhagarariwe na buri wese mu bazahabwa ijambo; gukosora amasaha no kugaragaza uzaba ari Umutumirwa mukuru mu gitaramo; gushyiramo ijambo ry'ikaze ry'Umuyobozi wa National Youth Council; kugaragaza ikizakorwa hagati y'ikingurwa ry'inama (rizarangira saa cyenda na 35) n'igitaramo (kizatangira saa kumi n'imwe n'igice).

4. **Abatumirwa bazaturuka mu mahanga:** Abaje mu nama bishimiye ko MIJESPOC imaze kubamenyesha bose amatariki mashya y'inama ya PAYA (14-19/3/2005) yemejwe mu buryo byari byasabwe n'inama mpuzabikorwa yo ku itariki ya 08/2/2005. Bibukije ko n'Umuyobozi ushinzwe Imibereho myiza muri AU Commission akwiye gutumirwa. Hasigaye kandi ko abayobozi banyuranye babikurikirana (*follow-up*).

## Ibizakurikiranwa

1. PAYA Secretariat: kunononsora inyandiko (*Terms of reference; Guidelines; Programme*) no kuzohereza abatumirwa bitarenze ku itariki ya 16/2/2005.
2. MIJESPOC: kwemeza uzaba ari Umutirwa mukuru mu gitaramo; gutumira Umunyamabanga mukuru wa RPF, Umuhuzabikorwa w'umushinga CNLS-SIPAA, abahagarariye CNJR mu Ntara (12); kohereza ubutumire abazafasha mu biganiro (*moderators*) kugira ngo bazabashe kubona uruhushya rw'abakoresha babo.
3. PAYA Secretariat na Dir Jeunesse/MIJESPOC: gutegura ingengo y'imari y'igitaramo cyo ku itariki ya 14/3/2005. Kubera imirimo n'amikoro menshi asabwa PAYA Secretariat n'umushinga CNLS-SIPAA, hifujwe ko MIJESPOC ari yo yatunganya icyo gitaramo ikanatanga ingengo y'imari. Hanateganywa amikoro make yo gutunganya buri nama mpuzabikorwa (nko kwicira inyota abaje mu nama).
4. PAYA Secretariat na D.Jeunesse/MIJESPOC: gutegura ingingo z'ingenzi zizajya mu mbwirwaruhame z'abayobozi bakuru, mu gufungura no gusoza inama.
5. Kugira ngo babashe kungurana ibitekerezo mu gihe kitari kinini, abagize inama mpuzabikorwa bazajya bashyikirizwa inyandiko za ngombwa mu buryo bwa *e-mail*.
6. Acting P.S/MIJESPOC: kwibutsa bose ko inama mpuzabikorwa itaha iteganyijwe ku itariki ya 15/2/2005, saa yine.

Bikorewe i Remera, ku wa 14/2/2005.

**HABIMANA Joseph-Mukassa,**
Umunyamabanga wihariye
w'agateganyo wa Minisitiri.